REPUBURIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KUBA ABAKANDIDA BIGENGA

MU MATORA Y'ABADEPITE YO MU 2018

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko N^{o} 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigena amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 94 n'iya 204;

Ishingiye ku Itegeko N^{o} 31/2005 ryo ku wa 25/12/2005 rigenga Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3 n'iya 5;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha abifuza kuba abakandida bigenga mu matora y'Abadepite ateganyijwe muri **Nzeri 2018** ibi bikurikira:

1. Gusinyisha abashyigikiye Abakandida bigenga bizatangira tariki ya **13 Kamena 2018** birangire tariki ya **25 Nyakanga 2018**;
2. Gusinyisha bizajya bikorwa kuva saa moya za mu gitondo (**07:00am**) kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba (**05:00pm**);
3. Abifuza gusinyisha ababashyigikiye bazakoresha impapuro zabugenewe zitangwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

Abakeneye ibindi bisobanuro babariza ku cyicaro gikuru cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku Kimihurura, i Kigali.

Bikorewe i Kigali, ku wa 12 Kamena 2018

Prof. KALISA MBANDA

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora